REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITIRI W'INTEBE

IJAMBO RYA MINISITIRI W'INTEBE
DR. EDOUARD NGIRENTE

MU MUHANGO WO KURAHIRA KW'ABASHINJACYAHA

Kigali, ku wa 22 Mata 2021

- **Nyakubahwa Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta,**
- **Nyakubahwa Mushinjacyaha Mukuru,**
- **Bayobozi mwese muri hano,**
- **Bashinjacyaha ku nzego zitandukanye mumaze kurahira,**

1. Ndagira ngo mbanze mbaramutse kandi mbashimire ko mwitabiriye uyu muhango wo kurahira kw'Abashinjacyaha.

2. Indahiro tumaze kwakira zirimo iz'Abashinjacyaha bo ku Rwego rw'Igihugu, Abashinjacyaha bo ku Rwego Rwisumbuye n'Abashinjacyaha bo ku Rwego rw'Ibanze. Aba bashinjacyaha barahiye uyu munsi, bemejwe n'Inama y'Abaminisitiri yo ku wa 6 Werurwe 2020 n'iyo ku wa 14 Mata 2021. Mwese rero tubifurije imirimo myiza mu nshingano zikomeye kandi zifitiye akamaro Igihugu cyacu mugiye gutangira kujyamo.

3. Umurimo w'ubushinjacyaha ni umurimo ukomeye, kandi ufite uruhare runini mu guhesha isura nziza Ubutabera bw'u Rwanda by'umwihariko. Ni umurimo usaba ubwitange, ugasaba gukora cyane kandi ugasaba ubwitonzi n'ubushishozi. Bityo rero, birasaba kuwukora kinyamwuga mwuzuza neza inshingano mumaze kurahirira.

4. Turabasaba gukora umurimo wanyu mwubahiriza amategeko, mwirinda kubogama, mwirinda ruswa nk'uko byagiye biboneka hamwe na hamwe n'ibindi byaha bifitanye isano na yo kandi muharanira iteka gutanga ubutabera bunoze kuri buri wese waje ubagana.

5. Turabasaba kandi gukoresha neza ububasha muhawe, nk'uko mumaze kubirahirira, ntimubukoresha mu nyungu zanyu bwite ahubwo mukabukoresha mu nyungu z'Igihugu, mukihatira kandi iteka gukora iperereza ryimbitse no kurushaho gutegura neza amadosiye mbere yo kuyaregera inkiko.

6. Ubwo bwitange rero burakenewe, ubwitonzi, ubushishozi no kumenya ko Igihugu dukorera kibakeneye kandi mu nzira y'ubutabera busobanutse.

7. Mu gusoza rero ndagira ngo nongenre mbashimire, mwese abitabiriye uyu muhango, kandi nongera kwizeza Urwego rw'Ubushinjacyaha ko Guverinoma y'u Rwanda izakomeza gutanga ibyangombwa byose bifasha abashinjacyaha n'Urwego rwabo rwose kurushaho kuzuza neza inshingano zabo.

Murakoze, Ndabashimiye.